# IGITABO CYO KWIHA IMANA

## MUTAGATIFU MARIYA MADALENA



UBUTUMWA BWAKIRIWE NA Sr MARCIANE

12 MATA 2023

MONAKI

COPYRIGHT 2023 MONAKI
Tous droits réservés.

# Ingingo zigize igitabo cyo Kwiha Imana

MUTAGATIFU MARIYA MADALENA: IGITABO CYO KWIHA IMANA.................................................. 2

INTANGIRIRO .................................................. 2

1. KWIRUNDURIRA MURI KRISTU NYAGASANI, INZIRA YO KWIHA IMANA BYUZUYE .................... 9

2. KWIHA IMANA BIKOMEZWA NO KWEMERA KUBAHO MU GUSHAKA KWAYO ..........................20

3. BIKIRA MARIYA, URUGERO RW'ABARI MU KWIHA IMANA..................................................25

4. KUBAHO UBUZIMA BWO KWIHA IMANA NI UKWEMERA KWAMBARA KRISTU ........................40

UMWANZURO..................................................46

# MUTAGATIFU MARIYA MADALENA: IGITABO CYO KWIHA IMANA

Tariki 12 Mata 2023

## INTANGIRIRO

Kwiha Imana ni ingabire kandi kwiha Imana ni urukundo. Kwiha Imana ni ubushake kandi ni urukundo umuntu agirira Uhoraho akemera kumwiyegurira kandi akemera kumwiha koko abikuye ku mutima kandi abikunze ntacyo amubangikanyije nacyo kandi ntacyo amwitiranyije nacyo kuko aba yarangije guhitamo kuko nta wiha Imana atahisemo kandi atemeye koko imubera byose kandi imubera umugenga n’umuyobozi.

Kwiha Imana rero bituruka ku gikorwa cy’urukundo nyakuri kandi urukundo rukomeye rwo kumenya ko Uhoraho ari we muremyi wa Mwene Muntu kandi uwiyeguriye Imana akemera ko Uhoraho amubera byose kandi nawe amuha byose kugira ngo abigenge bityo bunge ubumwe kandi babane mu musabano ushyitse mu musabano wubakiye ku rukundo kandi uwo musabano wubakiye ku byishimo n’amahoro y’umutima wose wa Mwene Muntu kuko uwiyeguriye Imana kandi uwihaye Imana aba yemeye kugengwa n’Uhoraho kandi akemera kumwumvira ubuzima bwe bwose.

Nta wiha Imana atemera kumvira Uhoraho kuko icyo gihe aba atihaye Imana kandi icyo gihe aba ateguye ubuzima bwe ngo abwegurire Nyagasani kandi abumuhe koko nk'igitambo kandi yemere ko Uhoraho amugenga kuri buri kimwe cyose kandi amuyobora inzira ashaka.

Kwiha Imana rero bigendana n'ukumvira kandi kwiha Imana bigendana n'urukundo rukomeye urukundo rwo kwemera ko Imana ifite byose kandi kwemera ko Imana ikenutse kuri byose bityo ukumva ko nta kindi wayirutisha kandi nta kindi wayinganya nacyo.

Kwiha Imana rero ni imbaraga umuntu yigiramo kandi ni urukundo rubimutera bityo bigahura n'imirasire kandi n'umusabano ukomoka muri Uhoraho kuko buri wese uko yaremwe n'Uhoraho yagakwiriye kwiha Uhoraho kandi akisubiza mu maboko y'uwamuhanze abigiriye urukundo kandi yumva ko ari uw'Uhoraho kandi ari we wamuremye.

Kwiha Imana rero ntabwo bijyana n'uwumva ko yavuye mu muryango iwabo akajya mu wundi muryango w'abihayimana kandi w'abiyeguriye Imana kuko kwiha Imana bigendana n'imbaraga ndetse n'uburyo Mwene Muntu yumva agomba kuyiha kandi agomba kuyikorera kuko kwiha Imana bijyana n'ubuyoboke nyakuri bw'umutima kandi bikajyana n'imbaraga nyakuri z'urukundo umuntu afitiye Uhoraho kandi afitiye

ibikorwa by'Ijuru bityo akemera kuyiha kandi akemera kwiyegurira Uhoraho mu buzima bwe bwose.

Kwiha Imana rero kuri Mwene Muntu si umuzigo kandi si ukwinginga kuko ubikoze aba agomba kubikorana urukundo kandi akabikora ntawe arebeyeho kuko buri wese afite uburyo ashobora gukorera Imana kandi akaba afite uburyo ashobora kwiyemeza kandi kwemerera Uhoraho ko agomba kumuyoboka kandi agomba kumukorera ubuzima bwe bwose bityo igihe cyose akarangwa no kurangamira ubwiza bw'Uhoraho kandi akarangwa no kubaha no kubahiriza icyo Uhoraho asaba kandi amwifuzaho.

Biba byiza rero uwihaye Imana afite umutima utuje kandi afite umutima wuzuye urukundo n'urugwiro iteka akakira ibyiza by'Uhoraho muri we kandi akabyakira atajijinganyije akabyakira nk'impano ikomeye y'uwo yihaye kandi y'uwo akunda kuko ari byo bimuzanira amahoro kandi bikamuzanira imbaraga no gukomera mu rugendo yatangiye.

Ku bemeye rero kwiha Imana bakemera kuva mu muryango bakawusiga bityo bakajya mu wundi w'abihayimana kandi w'abahamagawe n'Imana aba agomba iteka kumva urwo rukundo rw'uwamuhamagaye kandi urwo rukundo rumuhamagara akarurutisha byose kandi akumva icyo rumusaba kuko kwiha Imana

bigendana n'umuntu ku giti cye kandi bikagendana n'imbaraga ndetse n'urukundo afitiye Uhoraho bityo bikuzuzwa n'ubumwe bw'abiyeguriye Imana kandi ubumwe bw'abemeye kuyoboka Imana kuko aribyo nyine bikora kuyoboka Imana mu Isi yose kandi bikaba inzira ya bose yo kuyoboka Imana no kuyiha.

Kwiha Imana rero bisaba urukundo nyarwo kandi bigasaba imbaraga zikomeye zitagira ikiziziga kandi zitagira ikizidindiza kuko uwemeye kwiha Imana aba yarangije kumaramaza kandi aba yamaze guhitamo neza kuko si igikorwa umuntu akora ahubutse kandi si umugambi umuntu afata asinziriye kuko ari igikorwa umuntu akorana urukundo kandi ashyizemo imbaraga ze zose yumva akunze kandi ashaka koko kubana n'Imana no kugendana nayo kuri buri kimwe cyose.

Ni byiza rero ko abiyeguriye Imana buzuza byose kandi bagashyira hamwe kugira ngo inzira batangiye kandi inzira barimo y'urukundo rw'Imana abe ari rwo rubahuza kandi abe ari rwo rubayobora kuri buri kimwe cyose bityo bahore biyubakamo imbaraga zikomoka ku bubasha bw'uwo biyeguriye kandi ku rukundo rw'uwo bakunze kuko bagomba iteka guhora barwumva mu buzima bwabo kandi bagahora bumva bagwatiriwe narwo rubatwara rubareshya kandi rubiyegereza umunsi ku wundi kurushaho kuko nta kiba kigomba gusubiza inyuma

urwo rukundo kandi izo mbaraga kuko Uhoraho atatenguha nka Mwene Muntu kandi Uhoraho adaharika nka Mwene Muntu cyangwa ngo atane n’uwo yakunze keretse ushatse kuva kuri Uhoraho ariko Uhoraho ni urukundo rwa bose kandi ni urukundo rusa rutagira ikiruvangira kandi rutagira ikizinga.

Kwiha Imana rero ni ubutwari kandi kwiha Imana ni ukwiyemeza ni ukwemera guca bugufi ndetse no koroshya mu buzima bwa Mwene Muntu mu nzira ze zose kugira ngo abashe guhura n’ububasha n’igitinyiro cy’Imana ikomeye yiyeguriye kuko uwiyeguriye Imana kandi uwihaye Imana agomba guhora aciye bugufi imbere y’umuremyi we kandi imbere y’imbaraga zamukunze zikamuhamagara kuko kwiha Imana ari uguhamagarwa kandi akaba ari umuhamagaro ukomeye buri wese aba agomba guha agaciro kandi buri wese agaha umwanya nyawo mu buzima bwe kuko ntawe wabasha kwiha Imana kuko Imana ari byose kandi ifite byose bikomoka rero ku rukundo rw’ububasha bw’Imana kandi urukundo Uhoraho yashyize muri Mwene Muntu kandi yamuremanye kugira ngo rumufashe byose kandi rumufashe guhitamo kumenya icyiza no gutandukanya n’ikibi bityo akamenya icy’ingenzi kandi akamenya igikwiriye akaba ari cyo ahitamo kandi akaba aricyo abamo.

Kwiha Imana rero ni ukumenya guhitamo neza kandi ni ukwakira ingabire y'ikirenga yo kumenya ko Uhoraho ari byose kandi Uhoraho ari isoko ihamagara bose kandi yiyegereza bose muri urwo rukundo rukomeye kandi muri izo mbaraga zarwo. Ububasha rero bwo kwiha Imana buhindura byose kandi ububasha bwo kwiha Imana bugaragaza imbaraga zikomeye z'urukundo rw'umuntu kandi imbaraga zikomeye z'ububasha yemeye kwakira muri Uhoraho bityo bukamuyobora kandi bukamugeza kuri byose nta na kimwe kimukanze kandi nta na kimwe kimusubije inyuma.

Ntako bisa rero kubana n'Uhoraho kandi ntako bisa gutura mu rugo rw'Uhoraho guhorana iteka na we kandi guhora iteka Mwene Muntu atwaye iryo tara ry'urukundo rwe kuko kwiha Imana bidasaba kwicara hamwe gusa ahubwo bisaba imbaraga zikomeye z'umutima kuko kwiha Imana ari imbaraga z'umutima kandi urukundo rw'umutima bityo bigatunguka inyuma kandi bikigaragaza mu ngero nziza uwihaye Imana agaragaza koko ko asa n'uwo yihaye kandi akomora ku isoko y'uwo yayobotse bityo akabigaragariza abandi kandi akabitangaza inyuma bikaba nk'urumuri rw'icyezezi kimurikira abari inyuma kandi kimurikira abari mu mwijima bityo nabo amahitamo yabo akaba ayo guhitamo kubana n'Uhoraho kandi kumumenya no kumusobanukirwa.

Kwiha Imana rero ni inzira yo gusabana n'Ijuru kandi ni inzira yo gusabana n'Uhoraho mu buryo burambuye kandi mu buryo bukwiriye kuko uwihaye Imana aho ari hose ataburira umwanya uwo yihaye kandi ataburira umwanya uwo yemeye kwiyegurira ndetse no kwiha ubuzima bwe kubera urukundo amushakira umwanya kandi agakora byose kugira ngo ashimishe uwamuhamagaye kandi uwamuhuruje bityo agahora iteka amushyira hejuru ya byose kandi amurutisha byose kuko aba ari uw'agaciro kandi akamuha koko kumva ko Uhoraho ari byose muri we kandi bikamuha kumva ko Uhoraho ari hejuru ya byose mu rukundo ndetse no mu mbaraga.

Kwiha Imana rero ni imbaraga z'urukundo kandi kwiha Imana ni imbaraga zo kumenya guhitamo neza kandi kumenya kwakira urukundo rw'Imana muri byose ndetse no kwakira bose abo Imana yaremye bityo ukumva ko ari ibiremwa by'Imana maze rwa rukundo wifitemo kandi rwa rukundo wavomye kuri Uhoraho rukaguha gutemba ugana bose kandi ubaha izo mbaraga z'ububasha ukomora k'uwo wihaye kandi k'uwo wiyeguriye.

Kwiha Imana rero ni umusabano ukomeye kandi ni imbaraga zikomeye zigaragaza ububasha bw'Imana kandi zigaragaza koko kwihebera Imana nyakuri kandi kuyiha mu buryo bukwiriye kandi bunoze.

# 1. KWIRUNDURIRA MURI KRISTU NYAGASANI, INZIRA YO KWIHA IMANA BYUZUYE

Kwirundurira muri Kristu Nyagasani ni ukwemera gusiga byose kandi guhara byose ubigiriye ingoma ya Se kandi ubigiriye urukundo wamwumvanye kandi wamubonanye ubutabazi bukomeye yagiye agaragariza Mwene Muntu bityo bigatera Mwene Muntu kwirundurira kandi kwishyira muri Kristu Nyagasani kugira ngo amubere urukundo kandi koko amubere umwambari w'urukundo mu buryo bukwiriye.

Kwiha Imana rero bijyana koko no kwirundurira Kristu Nyagasani kandi bikajyana no kumwiyegurira wese muburyo bukwiriye kuko Yezu Kristu ari we nzira nyakuri igeza kuri Se kandi akaba inzira y'ubugingo ku bemeye kumukurikira ndetse no kunyura muri we kuko uwihaye Imana agomba kunyura muri Yezu Kristu kandi akakira byose muri we kuko Yezu Kristu yirunduriye Se akemera kunyura mu mibabaro yose kandi akemera gukonoza byose kugira ngo ashimishe Se bityo akamwiha wese kandi akunga ubumwe na we mu buryo bushyitse kuko yemeye kwiyunga kandi akemera kunga abantu kuri Se kugira ngo bamumenye kandi basobanukirwe ko ari we Mana nyakuri kandi Imana ikwiye gusengwa no kuyobokwa mu buryo nyabwo.

Yezu Kristu rero ni inzira yo kwirundurira Imana kandi ni inzira yo kwirundurira mu rukundo rw'Imana kuko uwemeye kumucaho kandi akemera kumunyuraho uko amuhamagaye kandi uko amutoye akamubwira gusiga byose kandi akamuha kurekura byose kugira ngo akurikire urwo rukundo rwe kandi akurikire ubwo bwiza bwe akesha Se bituma uwamukurikiye kandi uwamwumviye aba yumviye Se kandi abonye urumuri rukomeye urumuri rumukomeza mu kwiha Imana kwe kandi mu kwirundurira wese mu rukundo rw'Imana.

Kristu rero yabaye inzira nyakuri y'urukundo kandi aba inzira nyakuri ku bemeye kwakira urukundo rwe kuko ababarira byose kandi akirengagiza byose akarekura byose kugira ngo Mwene Muntu atwarwe n'urukundo rwe kandi amureshye mu rukundo rwe bityo ubwo bwiza bwe butware buri wese kandi buhe buri wese kumva imbaraga z'urukundo rwa Kristu Nyagasani maze bigatera Mwene Muntu kumwiyegurira ndetse kwihebera urwo rukundo rwakunze bose kandi rukitangira bose.

Yezu Kristu rero ni inzira yo kumenya kwiha Imana kandi ni inzira yo kumenya gukunda gahoro gahoro kuko yagiye abigaragaza mu rugendo rwe mu Isi kandi akabigaragaza mu mibereho ye mu Isi yo kuza gucungura Mwene Muntu kuko yatangiye nka buri wese waremwe kandi nka buri wese uvukira ku Isi bityo atoza buri wese inzira yo

kumenya kwiha Imana kandi inzira yo kumenya gutega amatwi Se kugira ngo uwemeye kumuha umwanya kandi uwemeye kumwakira no kumureberaho amenye uburyo bwo kwiha Imana kandi amenye uburyo bwo gusabana n'Imana binyuze mu nzira ya Yezu Kristu kandi mu nzira yo kwirundurira Nyagasani Kristu bityo bigaha Mwene Muntu imbaraga zikomeye kandi ububasha bukomeye butanyeganyezwa bwemera guca mu mibabaro yose kandi ububasha bwemera guca mu nzira ikomeye y'umusozi wa karuvariyo bityo uwemeye kuyinyura mu kwiha Imana kwe agatahukana intsinzi kandi akaba yunze ubumwe bukomeye na Yezu Kristu.

Niyo mpamvu rero kwirundurira Imana kandi kuyiyegurira koko by'ukuri kandi koko kuyikorera by'ukuri ari ukwemera kunga ubumwe na Yezu Kristu kandi ukemera koko kumwiha wese no kumuyoboka wese ubigiriye urukundo rwe kandi ubigiriye imbaraga ze zikomeye zigwatira kandi imbaraga ze zikomeye zifata buri wese kandi zikakira buri wese zikamwiyegamiza mu gituza kandi zikamushyira koko mu byiza n'ububengerane bw'umutima we mutagatifu.

Niyo mpamvu kwiha Imana kandi kunyura kuri Yezu Kristu bifasha uwemeye kwihebera Imana kandi kuyiyegurira koko abikunze bimuha imbaraga zidatezuka kandi bikamuha ubutwari bukomeye bwo kwemera kwiyanga

kwanga byose kwemera gushyira byose hasi bityo Kristu akaba byose kandi agakora byose mu buzima bw'uwemeye kumwiha ndetse no gusanga Se kuko Yezu Kristu yubaka ubuzima bwa Mwene Muntu wemeye kwiha Imana bundi bushya agahera ku ntangiriro akaburema kandi akabuhagarika akabuha icyerekezo kandi akabuha umwuka muziranenge umwuka w'urukundo umwuka w'ibyishimo n'umwuka w'amahoro muri bagenzi be.

Kwiyegurira Imana rero no kwirundurira Krsitu Nyagasani mu rukundo rwe ni ukwakira inzira y'ubuzima bushya kandi ni ukwakira inzira y'imibereho mishya kuko nawe yasize ubwiza yari afite mu Ijuru bityo akaza kwakira ubuzima bushya mu Isi kugira ngo agendane na buri wese kandi areshye buri wese amwiyegereze abigiriye urukundo.

Uwemeye rero kwiyegurira Imana yemera gusiga byose kandi akemera guhunga byose kugira ngo ahure na Kristu muzima kandi asangire byose na we bityo bimutere imbaraga zo kumenya kuba umwigisha mwiza mu bandi kandi umusakazarukundo mu bandi n'umusakazamahoro mu bandi kuko aba yararonse imbaraga zikomeye kuko uwahuye na Yezu Kristu mu nzira ye yo kwiha Imana amwambika kandi akamukenyeza akamuha ubutwari bukomeye akamuha imbaraga zidatezutse kandi

imbaraga zidatezuka kuko aba yarangije kunga ubumwe na we kandi aba yarangije kwirundura wese ntacyo asigaje kandi ntacyo amwitiranyijeho kuko aba yararangije gusobanukirwa kandi yararangije gucengera urukundo rwe bityo kwakira urwo rukundo rwa Kristu Nyagasani rukaba intangiriro yo kumenya gukunda nyakuri kandi kumenya kwakira ibyiza bimukomokaho ndetse n'amabanga ya Se mu rukundo rwe kuko Kristu ari we ufungurira Mwene Muntu urukundo rukomeye rwa Se kandi ibya Se byose bikaba bituye muri Kristu Nyagasani.

Kwiha Imana rero wemera kwirundurira muri Kristu Nyagasani umugira koko inzira nyakuri y'urugendo rwawe rwo kwiha Imana ndetse no kuyiyegurira, niyo mahirwe aruta ayandi kandi nibwo bwiza buruta ubundi kuruta kwishora kandi kugenda inzira y'igihogere utumva akamaro ko kwiha Imana kandi utumva akamaro koko ko kuyikorera ubikunze kandi ubikuye ku mutima kuko bikuramo imvune ikomeye kandi bikagaragaramo impamvu yo kunanirwa no kurambika kuko uba utaranywanye kandi uba utarahuye ngo usingire kandi uhobere uwo ushaka kuko Kristu ari we nzira ngufi nyakuri itugeza kuri Se kandi igaragaza urukundo rukomeye.

Uwemeye rero kwiha Imana ni ukwemera kwirundurira muri Kristu Nyagasani ukemera gusana na we

ukamukunda mu byishimo ukamukunda igihe ageze aho akubitwa kandi ukamukunda igihe ageze aho aba ruvumwa bityo nawe akaba ari ko wishushanya ubuzima bwawe bwo mu Isi ukemera kumukunda igihe bamushyize rwagati mu bisambo igihe bamuharabitse bityo nawe ibyo byose ukemera kubibamo kugira ngo ugendane na we ntawe uhutaje ntawe ukomye imbere ntawe uteye amagambo ahubwo byose ukabibonamo urukundo kandi ukabibonamo ibyishimo kuko Kristu byose yabinyuzemo ntawe arenganyije kandi ntawe yitakanye ngo amubwire ngo ni wowe wabiteye ni wowe washatse ko bigenda kuriya ahubwo byose yabyakiriye mu ikuzo rya Se kandi abyakira koko nk'urukundo rushyitse ahawe n'abo yakunze kandi ahawe n'abo yagiriye neza bityo iyo neza ayibitura abasabira imbabazi kuri Se kandi arangiza byose ku musaraba ababababarira abafungira kado y'imbabazi kugira ngo buri wese abashe kubabarirwa kandi na we ajye abasha kubabarira abamugiriye inabi kandi abamutoteje bakamukandamiza.

Kwiha Imana rero si umunyenga kandi kwiha Imana si amafiyeri kuko ari ukujya ku rugamba kandi bikaba koko kwitabira inzira ikomeye yo kubana na Kristu kandi yo kwemera kumukurikira muri byose kuko uwemeye kwiha Imana kandi akemera kwirundurira muri Kristu Nyagasani aba yunze ubumwe na we kandi aba yemeye gusa na we kuri buri kimwe cyose ku gato ndetse no ku kanini mu

bwiza bwe mu byishimo bye mu gufasha bose kandi mu kugaburira bose mu kwigisha bose mu kugendana na bose mu gusayura buri wese nta n’umwe yirengagije mu kujya ku bamushaka ndetse n’abamwamagana ariko ntahweme kwamamaza inkuru nziza ya Se kandi ntahweme kwamamaza ikuzo rya Se ryari ryamuzanye mu Isi kugira ngo buri wese amugereho kandi buri wese amwuzuze imbaraga z’urwo rukundo rwa Se.

Kwemera rero kwirundurira Kristu Nyagasani nibwo buryo bworoshye bwo kwakira byose mu kwiha Imana kandi kunyura muri byose mu kwiha Imana kuko haba hariho imbaraga zikomeye ndetse n’uburinzi butavogerwa ku wemeye kwakira Kristu Nyagasani nk’umukiza we kandi akamwakira koko nk’umukunzi we utavogerwa kandi umukunzi we umurwanirira.

Yezu Kristu rero ni urukundo rw’abiyeguriye Imana kandi ni urukundo rw’abayoboka Imana abayishakashaka kandi abayiha yaba abari mu ngo kandi yaba abari mu miryango y’abihayimana y’abiyeguriye Imana aho hose ntahwema gutambagira ashaka uwakwakira urukundo rwe rwuzuye kandi uwakwakira ubwiza bwe bwuzuye kuko areshya bose kandi agahora ahamagara bityo kugira ngo karame ya buri wese ayihe agaciro kandi ihabwe koko umwanya nyawo n’icyicaro gikwiriye maze Yezu Kristu aze yicare

kandi yakirwe koko nk'umwami muhire kandi umwami koko ukiza.

Niyo mpamvu rero kwiha Imana bidahagije kandi kumva ko wihaye Imana bidahagije utarahura na Kristu kandi utaramwirunduriramo wese ngo akwirunduriremo akuzuze imbaraga aguhe ububasha bwe wumve ko koko ufite umusabano na we kandi wumve ko ufite isoko ihora idudubiza idakama y'urukundo rwe kuko ari bwo uba wahuye na we kandi akaba ari bwo koko uba watangiye urugendo nyarwo rwo kwiha Imana kandi urugendo nyarwo rwo kuyoboka Imana kuko Kristu ari we nzira ngufi kandi inzira y'abemera kugera kuri Se bemera kumucaho kandi akabagezayo mu buryo bwihuse.

Niyo mpamvu rero kwiha Se kandi kwiha Imana bisaba izo mbaraga zikomeye zo guca bugufi mu gushakisha Kristu kandi mu kumugira koko umutware ukomeye w'ubuzima bwo kwiha Imana ndetse no kwinjira mu rugo rwo kwiha Imana ukumva ko Kristu ari we ugutwaye kandi ari we uguhetse ari we ugusigasiye kandi ari we ukumenyera byose ukubeshaho amanywa n'ijoro akakuganiriza akaguha ibyishimo kandi akaguha amahoro igihe cyose kuko akunda kandi urukundo rwe rugakunda igihe cyose urukundo rwe rugahora ruhagarikiye Mwene Muntu wamwirunduriye kandi wamwihaye abigiriye gukunda Se kandi abigiriye ishyaka afitiye ibyiza by'ingoma ya Se.

Ntako bisa rero iyo umuntu yahuye na we kandi iyo umuntu yamwakiriye mu buzima bwe kuko ahorana ibyishimo kandi agahora iteka adabagiye agahora iteka yumva ububasha bwe bukomeye kabone n'aho haba mu bihe bikomeye kandi ibihe bitoroshye ntabwo ahungabana kandi ntabwo akurwa mu byimbo kuko aba azi uwo ahagarariyeho kandi akaba azi uwo yegamiye bityo akamushyira imbere y'ibigeragezo kandi akamushyira imbere y'ibikomeye bityo nawe agakomeza kandi igihe ibikomeye birimo Kristu Nyagasani agaheka kandi akambutsa wa wundi ku bubasha bwe kandi akamwambutsa n'amaguru ye undi yashyizwe mu bubasha bw'Imana ndetse no mu burinzi bwa Yezu Kristu we aba yarirunduriye kandi aba yaremeye ko amubera byose kandi amugenga muri byose.

Kwirundurira rero Krsitu Nyagasani ni ibyishimo bifunguriwe uwiyeguriye Imana kandi bifunguriwe uwihaye Imana koko abikunze abigiriye urukundo kuko iteka ahora atwikwa n'uwo muriro w'urukundo rwa Kristu kandi iteka koko agahora afite iyo nyota idashira mu kanwa ke ko guhora anyungutira ibyiza bya Yezu Kristu kuko ahorana amagambo meza kandi agahorana koko urukundo ruhora rureshya kandi urukundo rutumwa kandi rugatuma kuri bose kugira ngo bamugane kandi bamuyoboke.

Uwemeye rero kwirundurira Imana kandi uwemeye kugendana na Yezu Kristu aba yemeye kuba intumwa ye muri bose kandi aba yemeye gusangira ubuzima na bose kugira ngo koko ahuremo n'ishusho ya Yezu Kristu kandi ahure koko n'ishusho nyayo y'urukundo rwe mu baciye bugufi mu boroheje mu bakomeye kuko hose Kristu akomanga kandi ashaka urwo rukundo kugira ngo buri wese arumuhe kandi arumugabire.

Kwirundurira rero mu buzima bwe kandi kwirundurira mu mibereho ye Mwene Muntu yemera kwisanisha n'urukundo rwe nibwo buzima nyakuri bwo kwiha Imana kandi niyo ntangiriro y'ubuzima nyakuri bwo kwiha Imana kuri buri wese kuko bifungura umusabano kandi bigafungura imbaraga z'ukwiyubaka ndetse n'imbaraga z'ugukomera mu kwiha Imana nta kudandabirana kandi nta guhungabanywa n'ibihise byose ndetse no kudandabirana ku bidafite akamaro kuko uwihaye Imana kandi wemeye kunyura mu nzira yo kwirundurira Kristu Nyagasani aba yubatse ku rutare rukomeye kandi akaba yubatswe n'amagambo akomeye bityo ayo magambo yubatse umutima we agahora ari inkota imurwanirira kandi agahora koko ari ijambo rimutsindira igihe cyose abajijwe kandi ashyizwe aho agomba kwisobanura ku rukundo yakunze Yezu Kristu kuko yivugira kuko aba atuye muri we kandi iteka agahorana icyo kibatsi kirema gisukura buri munsi uwamwihaye kandi uwemeye

kunyura mu nzira ye yo kwirundurira mu rukundo rwe kuko Yezu Kristu ahora asukurisha ikibatsi cye cy’ubuzima kandi ikibatsi cye cy’urukundo kigahora kireshya kandi kigahora kigurumana mu rukundo rw’ukunda kandi mu rukundo rw’uwemeye kwiyegurira Imana no kuyiha mu rukundo rwa Yezu Kristu kandi mu nzira ye yose kuko aba yarangije guhura n’urukundo rw’uwamukunze kandi guhura n’urukundo rw’umuremyi wa byose.

## 2. KWIHA IMANA BIKOMEZWA NO KWEMERA KUBAHO MU GUSHAKA KWAYO

Ni byiza ko uwihaye Imana kandi uwemeye kuyoborwa n'Imana yemera kubaho koko mu gushaka kwayo kandi akemera iteka guca bugufi kugira ngo uwo yihaye kandi Uhoraho amwigarurire mu buryo bukwiriye kandi mu buryo bukomeye butagira ukwiyobora ahubwo bwemera koko kuyoborwa n'urukundo rw'uwamuhamagaye kandi ubuzima bwemera kuyoborwa n'urukundo rw'uwo uwihaye Imana yihaye ari we Mana Data.

Niyo mpamvu rero kwiha Imana bigendana n'itegeko kandi kwiha Imana bikagendana n'urukundo bikagendana no kwemera gukurikiza umurongo Uhoraho yifuza ku wemeye kumwiha kuko nta n'umwe wiha Imana Uhoraho adafite icyo agaragariza mu buryo bwo kumuyoboka kandi mu buryo bwo kumugaragariza urukundo kabone n'aho yamucaho cyangwa agaca ahandi ariko icyo gihe ku wemeye kwiha Imana agomba kumvira ijwi ry'uwamuhamagaye kandi akumva koko urukundo rwe kuko uwemeye kwiha Imana aba atihaye umuntu aba yihaye koko urukundo rw'Imana mu buyobozi bwarwo kandi mu mbaraga zarwo rwose.

Niyo mpamvu uwihaye Imana kandi uwihebeye Imana agomba kuyumvira kandi akagendera ku gushaka kwayo buri munsi kandi akiga koko kwakira ugushaka kw'Imana buri munsi kurushaho kugira ngo kumuyobore kumwigarurire kandi kumutegeke buri kimwe cyose kuko uwafunguye umutima we icyo gihe kandi aba yarangije koko kwambara ugushaka kw'Imana kuko Uhoraho abwiriza kandi Uhoraho agakangura Mwene Muntu yaba mu bitotsi by'ijoro kandi yaba ku manywa akamuha icyerekezo kandi akamwereka koko igikwiriye bityo akaba ari cyo akora kandi akagikurikiza kuko aba yizeye ko uwo yihaye afite ijambo rirema kandi ijambo rihindura byose ku gihe rishakiye kandi bitewe n'icyifuzwa gukorwa ku mpamvu y'Uhoraho kandi ku mpamvu y'urukundo rwe.

Niyo mpamvu rero kwiha Imana bijyana no kumvira gukomeye kandi bikajyana koko no guca bugufi gukomeye kuko uwihaye Imana agomba guhora iteka aciye bugufi kugira ngo ijwi ry'umuhamagara kandi ijwi ry'umuyobora abashe kuryumva kandi abashe kuritega amatwi no kugana aho rimuganisha igihe cyose kugira ngo ubuzima bwe burusheho kunogera umugambi w'Imana kandi burusheho kunogera Uhoraho ibihe byose.

Kwiha Imana rero ni ukwemera kwakira Ijuru ryose muri wowe kandi kwemera kuyoborwa naryo kuko nta na

kimwe gikorwa mu Ijuru kidakozwe n'ububasha bw'Imana kandi nta nteko n'imwe yaba iy'abamalayika n'iyacu abatagatifu idatumwa mu Isi biturutse ku bubasha bw'Imana ndetse no ku mbaraga zayo kuko Uhoraho ari we uyoboye byose kandi imbaraga ze zikigaragariza mu biremwa byose.

Niyo mpamvu rero ku wemeye kwiha Imana agomba kumvira kandi akakubaho koko kumvira mu buryo buciye bugufi mu buryo bwiyoroheje kandi mu buryo bwakira bukemezwa byose n'ububasha bw'ukwemera kubaho mu gushaka kw'Imana.

Kubaho rero mu gushaka kw'Imana birenga yego yo kwitaba kandi bikarenga koko uruhare rwa Mwene Muntu yakwigiraho kuko uriho mu gushaka kw'Imana aba yarekuye byose muri yo kandi koko akaba yashyize ububasha bwe mu rukundo rwa Yezu Kristu kugira ngo rumuyobore kuko aba yamaze kumenya ko ari we byose kandi ari we nzira nyakuri igeza kuri Se bityo uwemeye kwiha Imana akemera kuyoborwa n'ububasha bwose bw'ab'Ijuru kandi kuyoborwa n'imbaraga zose z'ab'Ijuru yemera kugendera mu nzira yo gushaka kw'Imana mu nzira imwe gusa itagira iyo ku ruhande kandi itagira indi yo mu bitekerezo ihabanye n'icyo ugushaka kw'Imana gusaba uwihaye Imana kandi uwemeye gukurikira inzira y'ukwiha Imana kuko aba asabwa iteka kumvira kandi

agasabwa iteka kubaho mu bubasha bw'Imana no kuyoborwa nabwo igihe cyose.

Kwiha Imana rero ni ukumvira kandi kwiha Imana ni ukubaho mu gushaka kw'Imana byuzuye kandi kuyoborwa nako igihe cyose nta gitambamiye umugambi w'Imana kandi nta gikuyeho urukundo rw'Imana icyo cyaba ari cyo cyose kandi n'uwo yaba ari we wese kuko aba atagomba gukura uwihaye Imana mu gushaka kw'Imana kuko aba azi gutandukanya ibikorwa by'umuhamagara kandi by'uwo yihaye n'ibya Mwene Muntu bityo iteka bikamusaba guhora ari maso kandi guhora ateze amatwi kugira ngo amenye ijwi ry'umuhamagara icyo rimuhamagarira n'icyo rimutuma ndetse n'aho rimutuma kugira ngo abashe kuryumvira no kugendana naryo uko bikwiriye kandi mu gihe gikwiriye hatabayeho kuzuyaza kandi hatabayeho gukererwa no kuzarira kuko Uhoraho aba ashaka gukorera byose ku gihe, nta gihe cye kirenga mu bigomba gukorwa kandi nta n'igihe cye kigenda mbere mu bigomba gukorwa kuko igihe cye ari igihe kandi igikorwa cye kigakorerwa igihe ku wemeye kwakira kandi ku wihaye Imana kuko aba yaremeye koko kuba umuja w'Imana kandi yaremeye kubaho koko mu bubasha bw'Imana ari bwo bumuyoboye kandi ari bwo bumugenga igihe cyose.

Kubaho rero mu gushaka kw'Imana ku wihaye Imana ni imbaraga zimukomeza kandi ni imbaraga zimurinda kuyoba ndetse no kuyobagurika kuko ahora iteka yubakiye ku bubasha bw'Imana kandi agahora iteka yubakiye ku kumvira ijambo ry'Imana rimuyobora kandi rimwemeza igihe cyose mu buzima bwe bwo kwiha Imana kandi mu buzima bwe bwo gukataza mu rugamba rwo gusabana n'Imana no kugendana nayo muri byose.

## 3. BIKIRA MARIYA, URUGERO RW'ABARI MU KWIHA IMANA

Bikira Mariya yemeye kuba urugero rw'abari mu kwiha Imana kandi yemera kuba urugero rwo kuyumvira no kwemera kwakira ugushaka kwayo byuzuye mu buzima bwe bwose bityo yiyegurira Imana ubuzima bwe bwose kandi yiha Imana imibereho ye yose ntacyo yitandukanyije n'Uhoraho kuko yemeye kwakira ubutorwe bwe kandi akemera kwakira isaro rye ry'agaciro kugira ngo rimubere umutako kandi agendere mu gushaka kw'Imana byuzuye yemera kunyura aho Uhoraho amunyujije kandi yemera kwakira ibyo Uhoraho amwifuzaho igihe cyose kuko atigeze yinangira kandi atigeze yigugumiriza cyangwa ngo yitekerezeho ukundi bityo akegurira byose uhoraho kandi akemera kumuyoboka mu buto bwe kugira ngo Uhoraho amwigarurire kandi amuyobore inzira ze mu kugera ku muhamagaro we mu buryo busendereye kandi mu buryo bwuzuye.

Yakiriye rero akiri muto imbaraga zo kwiha Imana kandi yakira akiri muto ubuzima bwo kwihebera Imana ndetse no kubana nayo asenga kandi ahora iteka mu ngoro y'Uhoraho kugira ngo yakire ugushaka kwe kandi yakire ibyiza bimukomokaho kuko ari ho yafatiraga imiyoboro nyakuri kandi akaba ari ho yafatiraga imirasire nyakuri

yahoraga iteka imuzamura muri urwo rukundo rw'Imana kandi imureshya imwiyegereza kugira ngo isaha ye yo kugera ku butorwe nyakuri kandi isaha ye yo kugera ku muhamagaro nyakuri abashe kwakira kandi abashe gutuza no kuwubamo uko bikwiriye.

Umuhamagaro rero muri Muntu utangira kare kandi umuhamagaro we utangira akivuka kandi akawukurana mu buryo Ijuru riwusigasira kandi mu buryo urukundo rw'Imana ruwurinda kandi rukawusigasira kugira ngo hatagira ikiwuburizamo kandi icyawutangira kuko umuhamagaro atari umuntu uwihamagarira ahubwo awugenerwa n'Uhoraho bityo akawurinda akawusigasira kuko nta na kimwe Mwene Muntu ageraho Uhoraho atabizi kandi atazi impamvu y'aho ageze kandi n'aho agana.

Niyo mpamvu rero Bikira Mariya yabaye urugero nyarwo mu kwakira kandi mu kurindwa n'ububasha bw'Imana kugira ngo umuhamagaro we ugerweho kandi ugerweho mu buryo wagombaga kugerwaho kuko imihamagaro y'abantu itari ku kigero kimwe kandi imihamagaro y'abatorwa ikaba itangana bityo buri wese mu muhamagaro we Uhoraho atanga uburinzi kandi agatanga ububasha bukomeye bwo kugira ngo umuhamagaro w'umuntu ugerweho wumvikane kandi

wuzuzwe mu cyo ugomba kuzurizwamo kandi mu bubasha ugomba kugaragaza mu bandi.

Niyo mpamvu rero Bikira Mariya yakiriye atajijinganya kandi akakira koko ubutumwa azaniwe bityo bikaba nko korosora uwabyukaga kandi akemera koko kuba umuja wa Nyagasani kandi agasiga byose kugira ngo urukundo rwe muri Uhoraho rukomeze kwiyongera kandi ububasha bw'urukundo rw'Imana mu buzima bwe rukomeze kongerwa kandi rukomeze kuba koko indorerwamo buri wese yireberagamo kandi indorerwamo yasigiye buri wese uri mu Isi.

Yabaye rero umutoni w'Imana kandi aba umwari w'Imana n'umuja w'Imana yemera kuba ubusabusa kandi yari ahawe icyubahiro gikomeye n'umumalayika w'Imana wari umutumweho kandi mu ijambo ry'Uhoraho yari ahawe ariko ibyo byose ntibyatuma yikuza ntibyatuma yizamura ahubwo ako kanya kandi uwo mwanya yemerera Uhoraho ko ari umuja we kandi yemeye kumwumvira no guca bugufi kugira ngo icyo Uhoraho avuze cyose kuri we cyumvikane kandi acyakire uko agomba kucyakira kuko ari we watangije kubaho mu gushaka kw'Imana kandi mu kwemerera Imana byose no kuyiyoboka mu nzira ishaka.

Wari umuhamagaro rero utoroshye kandi wari umuhamagaro uremerewe Mwene Muntu muri iki gihe

adashobora kumva kandi adashobora kwakira bitewe n'imihibibikano y'Isi kandi bitewe n'amagorwa menshi y'Isi umwanzi yagiye yandurisha Mwene Muntu bityo kwakira umuhamagaro bikaba ikibazo kandi bikaba inzitwazo zikomeye zituma uhamagarwa kandi utoranyijwe rimwe na rimwe umuhamagaro we awiyicira kandi akawuburizamo bityo icyari umugambi w'Imana kikagamburuzwa na Mwene Muntu ku mbaraga ze ndetse n'ibishuko by'umwanzi.

Bikira Mariya yarwaniye umuhamagaro we rero awugeraho kuko yumviye kandi agaca bugufi akumva icyo ugushaka kw'Imana kumubwiriza n'icyo kumusaba ntiyareba hirya ntiyareba abamushukamirije kandi ntiyareba abari bumutindeho ahubwo yemerera Uhoraho kwakira byose kandi no kwemera kuba umuja we kugira ngo amurwanirire kandi amuyobore kuko umuja ntacyo abazwa mu rugo rwa Shebuja ahubwo icya ngombwa kandi igikenewe cyose kibazwa Shebuja.

Niyo mpamvu rero Bikira Mariya yemeye kuba umuja w'Uhoraho kugira ngo Uhoraho agenge byose muri we kandi Uhoraho abesheho byose muri we kuko nta cyagombaga kumugora kandi nta cyagombaga kumubazwa kuko Uhoraho ari we wari ubibye ijambo rikomeye mu buzima bwe kandi akamuhamagarira umuhamagaro wamusabaga kwitanga wese no kwirekura

kugira ngo ugushaka kw'Imana kuzuzwe muri we kandi kugerweho mu buryo busendereye mu mbaraga n'ububasha bikomeye by'Imana.

Yabaye rero umwari kandi aba koko umuja w'Imana kuri buri kimwe cyose yemera kunyura aho Uhoraho amunyujije kandi yemera kurindwa n'ububasha bw'Imana bityo Isi yose ayitandukanyaho kuko hari byinshi byagombaga kumugonga kandi byagombaga kumukura mu muhamagaro we ibyo byose abirundurira mu biganza by'Uhoraho kandi abirundurira mu bubasha bw'uwo yari yemeye kwakira kuko yari yifitemo ububasha bwose kandi yarangije kwakira imbaraga zose z'uburinzi bityo umuhamagaro we ugerwaho kandi umuhamagaro we arawusigasira kandi awukomerezwa n'uwo yari atwaye ari we Yezu Kristu bityo aramushyigikira kandi amujya imbere kandi amukorera byose kuko ububasha bw'Imana bwari bumutwikiriye kandi ububasha bw'Imana bwari muri we mu buryo bwuzuye kandi mu buryo bw'imbaraga.

Niyo mpamvu rero Bikira Mariya yarinzwe gutsikira kandi akarindwa ikizira cyose kuko na we ubwe yari maso ku muhamagaro we kandi akumva mu bwitonzi icyo ijwi ry'Uhoraho rimubwira kandi uwo atwaye icyo amubwiriza n'icyo amusaba bityo bikamutera iteka kwita ku bandi kandi bikamutera iteka gutanga urukundo mu bandi no

kurusakaza arenga imisozi yambukiranya iyindi kugira ngo urukundo rw'Imana rwogere kandi aba intumwa kuva ubwo y'amahanga yose intumwa yakiriye ugushaka kw'Imana bityo igusakaza mu Isi.

Kwiyegurira Imana rero kandi kwiha Imana bisaba gusiga byose kandi bigasaba kumva neza ijwi ry'Imana icyo rishaka n'icyo risaba mu muntu akaba ari cyo cyumvikana kandi akaba ari cyo agira icya mbere akakigira n'icya nyuma ku buzima bwe bityo agategereza igikurikira Uhoraho amusaba kandi amubwiriza kuko ari bwo buryo bwo gutsinda ibishuko by'umwanzi kandi bukaba uburyo bukomeye bwo kwirinda ikibi cyose cy'umwanzi kuko uwemeye kwakira kandi wemeye kubaho yihaye Imana icyo gihe ntaba akigenga kandi ntaba akiyobora aba agomba kuyoborwa n'ububasha bw'Imana yishyize mu biganza kandi yirunduriye.

Niyo mpamvu rero Bikira Mariya yatsinze byose kandi akambukiranya muri byose bityo buri kimwe cyose cyagombaga kumutera intugunda n'impagarara ibyo byose biba ubusa imbere ye kandi ibyo byose biba umwuka ndetse n'umuyaga utumuka kuko nta cyamukomaga imbere byose yabitwaye mu bwitonzi, ubwicishe bugufi n'ubwiyoroshye bityo Imana iramurwanirira kandi Imana imugeza ku muhamagaro we mu buryo bwuzuye.

Yabayeho rero muri byose kandi abaho muri bose kugira ngo urukundo rw'Imana rusakare kandi urukundo rw'uwo atwaye rwumvikane mu biremwa byose kuko yari abaye ubwo intumwa y'amahoro kandi intumwa y'urukundo mu bantu n'intumwa y'agakiza kuri Mwene Muntu.

Niyo mpamvu rero uwemeye kwiha Imana aba atwaye byose kandi aba atwaye ubushyinguro bw'ibyiza by'Imana muri we aba asabwa kwigengesera kandi agasabwa kwitwararika kuri buri kimwe kugira ngo atagira ubwo anyuranya n'uwo yihaye kandi atagira ubwo anyuranya n'urukundo rw'Imana rwamukunze kandi rukamuhamagara iteka akaba asabwa kugenda aciye bugufi kandi yoroheje kugira ngo ububasha bw'Imana busakare muri bose kandi ububasha bw'Imana bukwire muri bose bishingiye ku rukundo yakunze Imana kandi yemeye guha Imana bityo urwo rukundo rukamurwanirira kandi rukamushoboza byose, rukamukorera byose kandi rukamugeza ku ntsinzi ya buri kimwe cyose.

Kwiha Imana rero ni imbaraga kandi ni kwiha Imana ni urukundo Mwene Muntu ashyiramo kandi akagaragaza bityo bikamufungurira ububasha bundi kandi bikamufungurira imbaraga zikomeye n'uburinzi bukomeye bumuyobora bityo bukamwitaho igihe cyose mu nzira yahamagariwe yo kwiha Imana.

Bikira Mariya rero ni urugero rw'abari kandi akaba urugero rw'abihaye Imana bafunguye kandi bakiriye byose kuko yafunguriye bose kandi agaha bose inzira ku buryo nyabwo kandi mu rugendo rukwiriye yaba ari abiha Imana bari mu ngo z'ababyeyi babo ndetse n'abiha Imana bemera kujya gufatikanya imihamagaro yabo n'abandi abo bemera gusangira ubutore bwo gushinga ingo kuko ari umuhamagaro Uhoraho naho yigaragariza kandi agatanga ububasha bukomeye bityo abemeye gutanga ubuzima bwabo kandi urushako rwabo bakaruha Imana kuko aba ari umuhamagaro bahawe n'Uhoraho kandi bakemera koko ko bagomba kumwiha muri ubwo buzima Uhoraho ntabura kubasanga kuko abiyereka kandi akabigisha koko gukunda nyakuri ndetse no gukundana hagati yabo bityo bakaba ingo ziyoborerwamo imirasire y'urukundo nk'uko urugo rw'i Nazareti rwa Bikira Mariya rwatuje bose kandi rukakira bose bityo ugushaka kw'Imana kukuzurizwa muri bo kandi bakaba koko urugero rwo kwiha Imana ku bari mu ngo ndetse no kwakira ugushaka kw'Imana ku bari mu ngo kuko banyuze muri byose bagashyigikirana kandi bakagera ku cyo Uhoraho yashakiraga Mwene Muntu.

Kwiha Imana rero mu ngo kandi ku bashakanye ni ugusigasira ingabire ikomeye kandi ni ugusigasira ingabire nyinshi z'ububasha bw'Imana ziba zibibwe mu bihayimana babana kandi barashakanye kuko

hanyuzwamo ububasha bwinshi kandi bigaturuka mu kwiyemeza kwabo no kwemera guca bugufi kuko nta muhamagaro ugerwaho hatabayeho guca bugufi no koroshya kuko uwo nguwo abigenza uko Sekibi arinjira kandi Sekibi aturuka ku bwikuze no kubura urukundo.

Niyo mpamvu rero ku wemeye gushaka kandi akemera koko gukomeza ubuzima bwo kumva ko Uhoraho ari we umugenga kandi ari we yihaye muri ubwo buzima nta kabuza Uhoraho aramushyigikira kandi akamurwanirira akabereka imbaraga ze nk'uko atahwemye kugaragariza Bikira Mariya na Mutagatifu Yozefu ububasha bwabo kandi ububasha bw'Ijuru mu mibereho yabo yo kurinda umwana Yezu kandi mu gusigasira ubusugire bw'ingo ndetse n'umuhamagaro wo kwiha Imana ku bari mu ngo kuko rwabaye ishingiro ry'ingero nziza mu biha Imana bari mu ngo, urugo rutagatifu rw'i Nazareti bityo rukabera urumuri bose kandi rukabera inzira bose mu buryo bwo kwiha Imana kandi mu buryo bwo gusabana n'Imana Muntu ari mu rugo kandi afashijwemo n'ububasha bw'Imana.

Ni umuhamagaro mwiza rero Bikira Mariya yafunguriye bose kubari mu Isi kandi buro wese kugira ngo yibone mu kwiha Imana kandi yibone mu ngero nziza yaba ku bari bakira ugushaka kw'Imana ndetse n'ababyeyi bakira urukundo rw'Imana bari mu ngo bityo uwo muhamagaro

wabo ukagerwaho mu bwitonzi kandi ukagerwaho mu bwiyoroshye bashingiye kandi bubakiye ku muhamagaro w’urugo rutagatifu rw’i Nazareti wagezweho mu kwakira kandi no kumvira ijwi ry’Imana ryahamagaraga umwari Bikira Mariya rikamuha igikwiriye kandi umuhamagaro w’Ijuru ndetse n’ijwi ry’Ijuru rikamubwiriza icya ngombwa bityo agahora iteka yuzuzanya n’umutware we kandi umurinzi Yozefu bityo ntihagire kubusanya kuko ijwi ry’Uhoraho rivugira hose kandi rikumvikanisha abantu babiri bityo bagashyigikirana kandi bakuzuza ugushaka kw’Imana mu mibereho yabo.

Niyo mpamvu rero kubaho kandi ubuzima bwo kwiha Imana bivuze kuzuzanya kandi bikavuga kumva ijwi ry’Imana kimwe no kuryakira kimwe bityo icyo ritegetse kandi n’icyo risabye kikumvikana kandi kikakirwa mu buzima bw’abihaye Imana kandi ku buzima bw’uwihaye Imana kuko buri wese ahamagarwa mu izina rye kandi akitaba mu izina rye kugira ngo yuzuzanye na mugenzi we kandi bahane imbaraga zo gukomera no gukomeza gushinga imizi kw’ingoma ya Kristu kugira ngo yogezwe hose kandi isakare hose.

Bikira Mariya rero yabaye urugero rw’abari kandi aba urugero rw’abubatse ingo mu kwemera kwiyegurira Imana kandi mu kwemera kwakira ugushaka kw’Imana kuko iyo hagaragaye Bikira Mariya mu rugero rw’abari

hagaragara na Mutagatifu Yozefu mu rugero rw'abasore mu kwemera kuba koko indahemuka kandi mu kwemera kuba imanzi z'Uhoraho bityo bakaba amasugi anogeye Uhoraho kandi bakaba amasugi anogeye Imana mu bubasha bw'Imana kandi mu kwakira umuhamagaro wabo neza kandi uko bikwiriye.

Ni ingero rero z'abakoze ibikorwa by'ubutwari kandi bakemera gushyira ubuzima bwabo muri Uhoraho kuko bitabaye imfabusa kandi byakinguriye bose mu kumenya urukundo rw'Imana kandi mu kumenya imbaraga z'urukundo rwa Yezu Kristu mu kuza mu Isi.

Niyo mpamvu rero ububasha bwa Yezu Kristu mu gukunda kandi mu gufasha abihayimana ari ishingiro ryo kwakira kandi kwemera kwa Bikira Mariya yemera kuba umuja wa Nyagasani kandi yemera kuba koko umugaragu w'Ijuru ryose ndetse no kwemera kwakira kwa Yozefu ijwi ry'Ijuru ryamubwirizaga kandi rikamutegeka kuba umurinzi w'ibyiza bya Yezu Kristu byari bizaniwe Isi yose bityo nawe agatangira ubwo uwo muhamagaro we wo kumvira ndetse umuhamagaro we wo gukorera Imana no kuyiha binyuze mu kwakira byose n'aho gushaka kw'Imana kumuganisha kandi kumuyoboye kugira abashe kuzuza umuhamagaro we kandi abashe kuwubamo uko bikwiriye kuko byose byaturutse ku ijwi ry'Ijuru kandi byose bigahuzwa n'ibikorwa bagombaga gukora

babikorera umwana Yezu kandi babikorera Uhoraho umutegetsi n'umugenga wa byose.

Niyo mpamvu rero inzira yo kwiha Imana ari imwe ku bemeye kwakira ijwi ry'Uhoraho kandi bakemera kuyoborwa naryo kuko batagira ubwo babusanya kandi batagira ubwo bahuzagurika muri iryo jwi kandi mu kwakira ububasha bw'Imana isumba byose kuko uwabagize umubiri umwe ari wo Kristu Nyagasani ari ingingo nyinshi ziyoborera ku mubiri umwe wa Kristu Nyagasani.

Niyo mpamvu rero kwiha Imana bisaba kwakira byose kandi bigasaba koko kwemera ko uko wihaye Imana kandi ubuzima urimo n'undi Uhoraho ari ko yamuhamagaye kandi ari ko yashatse kumutuma bityo hakabaho kuzuzanya kandi hakabaho kwakirana ndetse no gushyigikirana kuko Bikira Mariya atigeze ashyamira na Yozefu mu muhamagaro wa buri wese kuko Uhoraho kandi ijwi ry'Uhoraho ryanyuraga kuri buri wese rikamubwira bityo rigahuza n'icyo buri wese yabwiwe bityo hakabaho kuzuzanya.

Kwiha Imana rero bisaba gutega amatwi kandi bigasaba gutuza no koroshya kugira ngo ijwi ry'Uhoraho ribashe kuvugira mu muntu kandi ribashe kumubwiriza bityo buri wese yuzuzanye na mugenzi we kandi buri wese ashyigikire mugenzi we mu muhamagaro we kuko biba

bisaba guca bugufi iteka kandi bigasaba kwakira icyo buri wese yabwiwe kugira ngo gifashe undi kandi kibere undi indorerwamo kuko ntacyo Ijuru ritanga cy'imfabusa.

Habayeho rero kuzuzanya kwa Mutagatifu Yozefu n'umwari Bikira Mariya bityo barashyigikirana kandi bagera ku ntsinzi y'umuhamagaro wabo kandi ku ntsinzi y'urugendo rwabo rwo kwiha Imana mu Isi ndetse no kurera umwana Yezu kuko wari umuhamagaro ubareba kandi wari umuhamagaro wa ngombwa mu buzima bwabo kuko ari cyo bari bahamagariwe kugira ngo ububasha bw'Imana bubashe gusakara mu Isi kandi ububasha bw'Imana bubashe gukorera icya rimwe mu Isi bityo uburinzi bagombaga gukora kandi uburezi bagombaga gutanga ku mwana Yezu barabutanga kandi babugeraho mu mbaraga z'urukundo, guca bugufi no kwiyoroshya, kwemera kuri buri wese kuba umuja kandi no kuba umugaragu w'Imana bityo birabahira kandi bibafasha kugera ku isezerano Uhoraho yari yabagiriye kandi yari afitiye buri wese hatabayeho gupfusha ubusa umuhamagaro kandi hatabayeho gukerezwa n'Isi n'abayo ahubwo barangamira Imana bose bashyize hamwe kandi bumvira Imana bashyize hamwe bityo irabayobora kandi ibayobora aheza ibayobora ku gitunganye kuko nta na rimwe bigeze bashaka kwiyobora ahubwo bategaga amatwi icyo ijwi ry'Uhoraho ribabwiye akaba ari cyo bumva kandi akaba ari cyo bakurikiza kugira ngo

ubutorwe bwabo hatagira ikibuvangira kandi hatagira ikivangamo kuko ububasha bw'Ijuru ari bwo bwagombaga kubayobora kandi ugushaka kw'Imana akaba ariko kwagombaga gukora mu buzima bwabo kugira ngo icyo DATA yifuza kandi icyo urukundo rwa Yezu Kristu rwashakaga kigerweho mu buryo bwuzuye kuko hari hariho imitego myinshi y'umwanzi bityo rero ku wemeye kumvira Ijuru kandi ku wemeye kubaho mu gushaka kw'Imana icyo gihe imitego arayisimbuka kandi ububasha bw'Ijuru bukamwambutsa byose maze umuhamagaro we ukagerwaho kandi ukuzuzwa mu buryo bukwiriye kandi busendereye.

Ni inzira nziza rero ya Bikira Mariya kandi ni urugero rwiza mu bari kandi akaba urugero rwiza mu bubatse ingo kimwe n'umurinzi Yozefu kuko batatanye muri urwo rugendo kandi muri urwo rugero rwose rwo kuba koko abihayimana byuzuye kandi bakayikorera muri byose bagaragaza imbuto kuri byose kandi bagaragaza umusaruro w'urukundo rw'Imana rw'uwemeye kuyiha kandi akirundura wese kuko nta kimutera ubwoba kandi hose yemera kunyuramo bityo agatanga umusaruro kandi agatanga urugero rwiza mu bamuri inyuma kandi mu bamuhanze amaso.

Bikira Mariya rero ni uwo kureberwaho kandi akaba koko igitego mu bari kuko yemeye kwakira ugushaka kw'Imana

atirebyeho kandi atarebye isura bityo akemerera Uhoraho akamuyobora kandi akamuha byose akamwiyegurira ubuzima bwe bwose kugeza ku ndunduro yakiriye ingororano ye kandi ashyizwe ku ntebe y'ubwamikazi mu Ijuru ndetse no munsi. Ntako rero bisa kwibanira n'Uhoraho kandi kumukorera no kumwumvira Muntu agendera mu gushaka kwe kuko ari byo bizana umugisha kandi bikazana intsinzi ikomeye intsinzi igaragaza ububasha bw'Imana ndetse no kuyoborwa nabwo.

## 4. KUBAHO UBUZIMA BWO KWIHA IMANA NI UKWEMERA KWAMBARA KRISTU

Uwihaye Imana wese kandi umuhamagaro wo kwiha Imana kuri buri wese ni ukwemera kwambara Kristu nk'umunyabubasha kandi kwemera kwambara Kristu nk'urukundo rusa kandi urukundo rutajorwa urukundo rutajora urukundo rwakira bose kandi urukundo rutanena ahubwo kwemera kuyoborwa narwo ndetse no kwakira byose muri rwo.

Uwihaye Imana rero agomba kubaho aciye bugufi kandi koko asa na Kristu we wemeye kwiha Imana kandi akemera kwiha Se muri byose agasiga ubwiza agasiga icyubahiro bityo akemerera Se gukora ugushaka kwe kandi kwakira imibabaro yose kugira ngo yisanishe n'urukundo rwo gucungura Mwene Muntu kandi rwo kureshya Mwene Muntu.

Uwihaye Imana rero agomba kubaho urwo rukundo kandi koko gusa na Kristu mu kunyura mu ntambara kandi mu kunyura ahakomeye hose kugira ngo abashe guhura nawe kandi abashe koko kumva ko yambaye ishusho ya Kristu udapfa kandi Kristu umunyabubasha kuko uwemeye koko kumwiha kandi no kwiha Se aba agomba kugaragazwa n'ibimenyetso kandi akagaragazwa n'ububasha bufatika bw'imirimo n'ibitangaza biba

bigomba kugaragarira Isi kandi kugaragarira abo bari kumwe.

Kwambara rero Kristu ni ukwambara intwaro z'urumuri kandi ni ukwambara ububasha akomora kuri Se bityo bikaba intwaro ikomeye koko yo kwiha Se no kumwiha mu buryo bukwiriye no gutsinda imitego yose y'umwanzi.

Ni urugendo rero ruba rureba uwemeye kwiha Imana kandi ni urugendo ruba rureba uwemeye koko gusa na Kristu kandi kumva ko amwambaye mu rukundo kandi ko agomba kuyoboka aho amunyujije kandi akakira ibyiza bye ndetse n'imibabaro ye yose mu buzima bwe kuko kwiha Imana atari umunyenga kandi kwiha Imana akaba atari ukugenda inzira y'igihogere ahubwo kwemera guca muri byose kandi no kwemera guca inzira Kristu aguharuriye kugira ngo abe ariyo akunyuza kandi ukamwemerera nta ntugunda kandi nta kujya impaka na we kuko uba uzi ko ari we rukundo kandi ukaba uzi ko ari we mbaraga zikuyoboye kuri buri buri kimwe cyose.

Bisaba rero kwiyemeza kandi bigasaba kurekura byose no gusiga byose ntacyo umubangikanyije nawe kandi ntacyo utandukanyeho nawe kuko aba ari byose mu buzima bwawe kandi akaba ari imbaraga zawe muri byose kuko uwambaye Kristu anyura mu rupfu kandi agatangaza urumuri agatangaza ubuzima, uwambaye Kristu agaragaza ububasha bwo gukiza bose kandi akagaragaza

imbaraga zo kwitangira abandi kandi no gufasha abandi abigiriye urukundo kuko ububasha bwe ari bwo buba bumuyoboye kandi ububasha bwe bukamufasha gukora ibitangaza n'imirimo ikomeye kuko uri mu rukundo rwa Kristu nta kimunanira kandi uwihaye Imana anyuze mu nzira ya Kristu ahabwa umutsindo kandi agahabwa imbaraga zikomeye zimwambutsa byose kandi zimunyuza mu bikomeye byose agatambuka.

Kwiha Imana rero bisaba kumenya ko Kristu ari imbere kandi ukamenya ko ari mu buzima bwawe bityo akuyoboye kandi akubereye intangiriro ya byose kandi akakubera n'iherezo rya byose bityo ntihagire ukwikanga kubaho kandi ntihagire uguhuzagurika kubaho ahubwo hakabaho inzira y'ububasha kandi inzira y'imbaraga zo kwemera kuyoboka Se kandi kumwiha mu rukundo rwose ruzira ikizinga kandi ruzira imbereka n'ubuhemu ubwo ari bwo bwose.

Ku bemeye rero gukurikira Kristu kandi no kumwambara mu ntumwa ze bemera ko Kristu ari umwana w'Imana kandi ayobowe n'ububasha bw'Imana babonye ikuzo kandi basangira byose na we kuko yari yaramaze kubishushanya no kubaha imbaraga ze zikomeye kandi urumuri rwe bityo ababera imbaraga zibakomeza kandi imbaraga zibafasha koko kwiyegura wese kandi kwakira urumuri wese bityo babona ububasha kandi babona

imbaraga zabagezaga ku mutsindo bagombaga kugeraho kandi ku mutsindo bagombaga kugaragariza Isi yose, ko bambaye Kristu kandi ko bahambanwe na we bityo bakazukana na we kuri buri kimwe cyose.

Uwambaye rero Kristu apfa kuri kamere kandi uwambaye Kristu apfa ku cyaha kuko aba atakibereyeho kandi aba yambaye urukundo rwe rusa rumufasha gutsinda kandi rukamufasha koko kwiyegurira Uhoraho wese kandi kubaho koko mu muhamagaro wo kwiha Imana mu buryo bwuzuye.

Yezu Kristu rero aba urukundo kandi akaba ikimenyetso nyakuri cy’abihaye Imana kandi n’abiyeguriye Imana kuko ababera inzira kandi akababera urumuri rubafasha gukomera no kwiyubaka mu buryo bukwiriye kandi mu kunogera umugambi w’Ijuru, umugambi w’Uhoraho kuko baba bari mu rukundo rwe kandi bakaba bari mu mbaraga n’ubuyobozi bw’ububasha bw’Imana isumba byose kandi mu bugenga bwayo bityo bikababaha gutsinda kuko Kristu aba abayeho muri bo kandi akaba ababereye itara n’urumuri, imbaraga zibakomeza kandi zibaha icyerekezo igihe cyose.

Kwiha Imana rero ni urukundo rwa Yezu Kristu kandi kwiha Imana ni imbaraga z’ububasha bwe mu kwakira byose kandi mu kubaho byose nta na kimwe kiziga Mwene Muntu kandi kimuremereye kuko Kristu yorohera

buri wese kandi uri kumwe na Kristu nta mitwaro imuremerera kuko aba atwaye byose muri Mwene Muntu kandi ayoboye Mwene Muntu mu rukundo rwe bityo akamuha gutsinda kandi akamuha gusa na we kuri buri kimwe cyose.

Yezu Kristu rero ni inzira y'uwihaye Imana kandi ni inzira y'uri mu rugendo rwo kwiha Imana kuko ari we mwigisha kandi akaba koko umurongozi muri iyo nzira kuko ari we uyishoboza Mwene Muntu kandi akamuha imbaraga zikomeye z'ubwo bubasha bwe bwatumye atambuka mu Isi kuko yari yarihaye Se kandi akaba yari azi ububasha akomora muri Se bityo bukamuha gutsinda kandi bukamuha gukomera kuko yari yambaye Se kandi yambaye ububasha bwe bw'urumuri rudatsindwa kandi ububasha bwe bw'urumuri butazimata kubera imiyaga ndetse n'imihibibikano y'abo mu Isi kuko ibyo byose yari yarabirenze kandi yabitsindishije ububasha bwe akabitsindisha igitinyiro cye n'imbaraga ze bityo agatsinda kakahava kandi akagaragaza imbaraga zikomeye z'urukundo rwe mu gutsindira bose bazemera kwiyegurira Se kandi bazemera kumurikira no kwemera kuba intumwa ze bityo abahunda imbaraga kandi abashingira ubuzima bukomeye kuko yabaye ishingiro ry'abiha Imana kandi abashakashaka urukundo rw'Imana mu Isi hose.

## UMWANZURO

Kwiha Imana nyakuri ni ukwemera kuyumvira kandi ni ukwemera kuyoborwa n'urukundo rwayo kandi kuyoboka Kristu koko uwihaye Imana bivuye mu mutima we kandi abikuye ku mutima ukunze kandi ku mutima ushaka kuko nabaye urugero nyakuri rwo kwemera gukunda ndetse no kwiha Imana ubuzima bwanjye bwose mu kwemera kwakira urukundo rwuzuye rwa Yezu Kristu bityo nkamukunda kandi nkamukorera wese nkorera Se nemera kugendana na we kuri buri kimwe cyose kandi urukundo rwe rurantwara rurandeshya bityo rumpa kwiyambura byose kandi rumpa kurenga byose bityo mfata inzira yo kwiha Imana kandi mfata inzira y'urukundo rukomeye rwa Yezu Kristu kugera ku munota w'ubuzima bwanjye wa nyuma kuko nari naramenye ko urukundo rwe ruruta byose kandi Yezu Kristu aruta bose, aruta Mwene Muntu, kumukunda rero nta gihombo kirimo kandi kumuyoboka kuko bituma urukundo rwe rugurumana mu mutima w'uwamuyobotse bityo bigashyira ku rukundo rwa Se nk'umubyeyi kandi umufasha w'abemeye kwiyegurira Imana.

Gukunda Imana rero no kuyiyegurira ni igikorwa kimwe kandi ni igikorwa kiganisha koko mu bubasha bw'Imana isumba byose kandi bikongera umusabano wa Mwene Muntu n'Uhoraho kuko kwiha Imana bikuraho inkuta

zose z'umwanzi kandi bigasenya ububasha bwose bw'umwanzi ku wemeye kwiha Imana kandi akayiha ayumvira agendera mu gushaka kwayo kuko bimuzanira amahoro n'imbaraga kandi bikamuzanira ububasha bukomeye bwo guhora abana nayo kandi guhora agendana nayo bityo bikamufasha byose kandi bikamugeza ku rukundo rukomeye rw'umuremyi we.

Kwemera kwiha Imana rero bisaba guhara byose kandi bigasaba gusiga byose kumva ijwi riguhamagara amanywa n'ijoro kandi ijwi rikubwiriza bityo ukaryumvira kandi ugaharanira iteka kubana neza n'abo muri kumwe kandi n'uwo muri kumwe ukamubonamo ishusho y'urukundo rw'Imana kandi iteka ugaharanira kuba urumuri n'urukundo rwa bose kugira ngo Imana igaragare mu buzima bwanyu kandi igaragare mu musabano w'Uhoraho aba yabashyize hamwe kugira ngo muhurize kuri kimwe kandi umusabano we ubahuze mwese kandi ububake imitima.

Kwiha Imana rero ni ubutwari bukomeye ku muntu kandi ni ukwiyemeza gukomeye kuva mu rukundo umuntu afitiye ingoma ya Kristu kandi mu rukundo umuntu afitiye ingoma y'ububasha bw'Imana akemera ko Uhoraho ari umutegetsi wa byose kandi Uhoraho ko ahamagara uko ashatse kandi agatora uko ashatse bityo iteka imihamagaro y'abandi ukayishimira kandi ukayibanamo

n'abandi neza ubashyigikira kandi ubahundagazaho urukundo n'imigisha nawe ukesha umuhamagaro ufite kandi ukesha urukundo wakiriye muri Yezu Kristu.

Kwiha Imana rero bisaba kwakira byose no kwiyemeza byose mu guca bugufi ndetse no guhora iteka wakira abandi mu biganza byawe abasuzuguritse, abakomeye ndetse n'aboroheje bose ukabashyira mu rukundo rwa Kristu we wabumbiye byose hamwe ku musaraba kandi akakira byose abigiriye urukundo.

Kwiha Imana rero bijyana koko no kwakira agakiza gakomeye kandi kwemera kurokorwa kuri buri kimwe cyose kwemera kubambwana na Kristu kandi no kuzukana na we kwakira urumuri rwe kandi no gusakaza amahoro ye y'izuka mu bandi kugira ngo bigiremo ubuzima kuko uwihaye Imana aba agomba kunywana n'Uhoraho kandi ubuzima bwe koko bukaba mahwi n'urukundo rw'Imana nta kindi kiruvangavanze kandi nta kindi kivanzemo kuko uwihaye Imana agomba guhorana ibyo byishimo byo kuba uw'Imana kandi kuba koko urukundo rw'Imana mu bandi.

Bigendana rero n'ukwemera gukomeye kandi bikagendana n'ukwizera gukomeye kuko nta wakwiha Imana atizera ko Imana ishoboye byose kandi iri hejuru ya byose, ko Imana ari urukundo kandi ko Imana ari ubuzima bwa bose. Niyo mpamvu rero kwiha Imana bifungurira

buri wese umugisha kandi kwiha Imana bigatanga imbaraga zikomeye ku wemeye kwakira ugushaka kw'Imana ndetse no kumvira icyo ijwi ry'Imana rimusaba.

Buri wese rero akwiriye kumva ko ari uw'Imana kandi akumva ko ubuzima bwe akwiriye kubwegurira Imana kugira ngo abe ari yo ibugenga kandi abe ari yo ibugena umunsi ku wundi uko ishatse kuko buri kimwe cyose Uhoraho akigenera umwanya kandi icyo yifuza ko gikorwa mu Ijuru iteka akagikora no Munsi, akaba ari yo mpamvu uwihaye Imana agomba buri munsi guhora yakira ugushaka kw'Imana kandi agahora yakira igeno ry'Uhoraho rya buri munsi kuko Uhoraho agena buri munsi uko ashatse kandi agatanga igitandukanye n'icyo yatanze uyu munsi kuko atunze byose kandi abamukunze n'abamukurikiye atabura ibyo abahunda kandi atabura urukundo abahundagazaho kugira ngo bahorane ibyishimo kandi bahorane urukundo rwe rusesurutse kandi rubafashe gukomera no kubakika mu buzima bwabo bwose.

Kwiha Imana rero ni inzira y'urumuri kandi kwiha Imana ni inzira y'ububasha bw'Imana ndetse n'inzira yo gutsinda umwanzi kuko urumuri rwaje kumurikira umwijima kandi umwijima aho urumuri rugeze urahunga ukava mu nzira. Kwiha Imana rero kandi uwihaye Imana agomba kwiyumvamo urwo rumuri kandi akiyumvamo ubwo

bubasha bukomeye kuko aba yambaye Kristu kandi uwambaye Kristu akora imirimo n'ibitangaza kandi agakorera mu bubasha bwe bwuzuye kuko aba yararangije kwirundurira muri we kandi aba yararangije kwakira imbaraga ze zose mu buzima bwe bwose atakibereyeho ahubwo abereyeho urukundo rwa Kristu kandi urukundo rwa Se.

Uwemeye rero kwiha Imana agomba kwiyakiramo byose kandi akakira buri kimwe cyose kuko nta na kimwe agomba kubona ko kitarimo urukundo rw'Imana kandi kitarimo ineza y'Imana kabone n'aho cyaba ari ikimusitaje agomba kubonamo urukundo rw'Imana akarindira kandi agahagarara agatega amatwi akumva icyo ijwi ry'Uhoraho rimubwiye kandi rimwongorera kuko nta na kimwe ku wihaye Imana kandi ku wemeye guha ubuzima bwe Imana ho ituro Uhoraho adakora kugira ngo amwigishe kandi amwereke koko urukundo rwe muri byose n'ubutabazi bwe muri byose.

Uwihaye Imana rero ntagomba kurangwa no kwijujuta kandi ntagomba kurangwa n'indi migenzo yose itambamiye urukundo rw'Imana kandi iranga abana b'umwijima ahubwo iteka agomba kurangwa n'urumuri kandi iteka akarangwa n'ibikorwa by'urumuri mu buzima bwe bwose kugira ngo abe itara rya bose kandi abe ikimenyetso cya bose mu bworoherane, mu rukundo,

ubwiyoroshye ndetse n'ubwiyumanganye kuri buri kimwe cyose kugira ngo ahore iteka ari itara mu bandi kandi ahore iteka ari ibyishimo by'abandi mu buzima bwe bwa buri munsi kandi mu mbaraga za buri munsi aba agomba kugenderamo kandi ziba zigomba kugaragaza koko urumuri rwe rumurikiye Isi nk'itara rimuritse kandi ububasha bwa Kristu buri muri we bukigaragaza kandi bukamurikira abandi batamumenye kandi batamuzi kugira ngo ubwo bubasha bwa Yezu Kristu buhindure benshi kandi bukurure benshi mu kumenya Imana no kuyiha ubuzima bwabo kuko hari benshi umwanzi abudikira kandi hakaba hari benshi umwanzi atuma batabona urumuri bityo uwemeye kwiha Imana akaba urumuri rwa ba bandi kandi akabakura mu mwijima nk'uko Yezu Kristu yaje kumurikira Isi yose kugira ngo Mwene Muntu amenye urumuri kandi amutandukanye n'ibyo yari amenyereye byo kubamo bisanzwe bityo akamukura ku muco gakondo kugira ngo amwinjize mu buzima bushya bwe kandi ubuzima bushya Data yifurizaga ikiremwa muntu.

Uwihaye Imana rero agomba guhorana ubuzima bushya muri Kristu kandi agahorana imibereho mishya muri Kristu kuko Kristu ari we uvugurura kandi urukundo rwe rukavugurura byose ibyari igisazira rukabihindura bityo bikaba bishya kandi agahora iteka yogesha abantu amaraso ye y'urukundo kandi abamwiyeguriye bagahora

iteka basabana muri uwo musabano w'urukundo rw'umutima we mutagatifu.

Amahoro rero ntore z'Imana nkunda kandi nshyigikiye kuko namenye kwiyegurira Imana kandi kwiha Imana icyo ari cyo mu buzima bwanjye kuko Kristu yambereye umuryango ukinguye bityo anyinjiza muri urwo rukundo kandi anyereka kumenya Se ndetse no kumukorera uko bikwiriye bityo nanjye nivayo kandi nkora byose kugira ngo ngendane nawe kandi inzira yari anyeretse kugira ngo nyikomeze bityo urwo rumuri rusakare mu Isi hose kandi rumenyekane mu bandi.

Nawe rero wihaye Imana kandi wifuza kuyiha komera kandi ukataze mu rugendo rwawe rwa buri munsi wubakire ku rukundo kandi wubakire ku byishimo bikomeye kuko ari byo bizagufungurira ingoma y'Ijuru kuko imeze nk'iy'abana bato kandi abemera koko kuba abana bato mu bandi kubera urukundo aba ngaba bagasangira ingoma na Yezu Kristu kandi bagasangira ibyishyimo na we.

MBIFURIJE RERO AMAHORO NTORE Z'IMANA KANDI MBIFURIJE AMAHORO BIHAYE IMANA KANDI BIYEGURIYE IMANA MU BUZIMA BWANYU BWOSE KUGIRA NGO KRISTU AKOMEZE KUBAGENGA KANDI AKOMEZE KUBABERA ITARA NDETSE N'INTAMBWE ZIBAKOMEZA MU MUHAMAGARO WANYU WA BURI MUNSI.

AMAHORO, AMAHORO! IBIHE BYIZA KUGUBWA NEZA, NDI MUTAGATIFU MARIYA MADALENA. AMAHORO, AMAHORO!